# POLITIKI YA MPATSIBIHUGU

IKIGANIRO CYATANZWE NA DOGITERI YAKOBO BIHOZAGARA, MINISITIRI W'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE MW'IHUGURWA RY'URUBYIRUKO RWA GIKONGORO KU BURERE MBONERAGIHUGU.

GIKONGORO, TALIKI 9/12/1995,

---

## PLAN:

1. INTANGIRIRO

2. UKO POLITIKI YA MPATSIBIHUGU YAVUTSE N'UKO UBU IKORESHWA

    2.1. UKUNTU IBIHUGU BY'I BURAYI BYASHATSE KWIRUNDAHO UBUKUNGU BW'ISI (ACCUMULATION DE CAPITAUX)

    2.2. UKUNTU INGANDA ZAVUTSE MU BIHUGU BY'I BURAYI (REVOLUTION INDUSTRIELLE)

    2.3. UBUKOLONI (COLONISATION)

    2.4. UBUKOLONI BW'ISURA NSHYA (NEO-COLONISATION)

3. URUGERO RWA POLITIKI YA MPATSIBIHUGU MU RWANDA

4. UMWANZURO

## 1. INTANGIRIRO

Kuva isi yabaho, abantu bahora biga uburyo bwo kwibeshaho neza, ibyo bakabifashwamo n'abayobozi babo. Kera rero, Abami bahoraga barwanira kwagura ibihugu byabo, ndetse biciye mu ntambara, kugirango abaturage babo babone uburyo bisanzura mu kugwiza umusaruro, hanyuma bakagira n'ingufu zituma uwo musaruro n'ubukungu buwuturukaho hatagira ubivogera.

Uko gushaka kwigwizaho ubukire aliko byatumaga ibihugu bikomeye, ni ukuvuga bikize cyangwa bifite ingabo zikomeye, byiyenza ku bicishije make bikabyambura na bike bifite ndetse byaba bishobotse bikabyomeka ku ntara zabyo (annexion-allégeance).

Mu mateka y'isi, uko kubonera ibihugu bifite intege nke, bikamburwa ubutunzi bwabyo ndetse n'abantu babyo bakahapfira,byagaragaye kuva kera. Iyo politiki rero yo gushaka kwirundaho ibintu by'ibindi bihugu ukoresheje ingufu cyangwa ubundi bumenyi ubirushije niyo twakwita "Politiki ya mpatsibihugu" (Impérialisme). Uko kwikunda bikabije by'ibihugu bikomeye byavutse bite? byamaganywe bite? ubu biracyakorwa? mu buhe buryo? mu Rwanda byarahabonetse? ibyo nibyo bibazo ngirango tuvuganeho muri iki kiganiro.

## 2. UKO POLITIKI YA MPATSIBIHUGU YAVUTSE N'UKO UBU IKORESHWA

### 2.1. Ukuntu ibihugu by'i Burayi byashatse kwirundaho ubukungu bw'isi (accumulation de capitaux).

Mu gihe cy'abaromani, isi yari izwi, ni ukuvuga ibihugu bikikije inyanja ya Méditerranée byagombaga guhakwa ku mwami (Caesar) wabo, byakwanga akabirwanya. Ibitsinzwe abaturage babyo bakaba abaja b'abaromani. Abagereki nabo mu gihe cyabo byari uko cyane cyane ku bihugu byo mu burasirazuba bwo hagati (Moyen-Orient). Nyuma, ibihugu by'i Burayi bimaze kujya bitera imbere bikipakurura ubukoloni bw'Abaromani n'ubw'Abagereki, byabonye ko umukiro wabyo ari ugushakira amasoko mu bindi bihugu bya kure. Nibwo batangiye ubucuruzi n'ibihugu bya Hindiya (épices) n'Ubushinwa (soie). Ubwo nibwo bashatse inzira ya hafi yo kujya mu Buhindi hanyuma baca iburengerazuba bagiye kubona babona baguye kuri Amerika. Aho muri Amerika bahageze basangayo ibintu byinshi: ubutaka bwera, amabuye y'agaciro nka za zahabu, hanyuma barabiyoragura, abanyaburayi barakira baratengamara. Ibihugu byagize uruhare rukomeye muri ubwo bucuruzi n'ubushakashatsi bukomeye bw'amasoko yo hanze ni Portugal, Hispania, Ubwongereza, Ubufransa ndetse n'u Buholandi.

Ibyo bihugu aliko bimaze gukira, byasanze ntacyo byaba bimaze gukomeza kuvoma ubukungu bw'ahandi batarema ngo bakomeze ubukungu bw'iwabo. Ni uko ikintu twakwita revolusiyo ivuye ku nganda (révolution industrielle) yavutse.

## 2.2. Ukuntu inganda zavutse mu bihugu by'i Burayi.

Kugirango uruganda rubeho, hagomba kubaho urushinga, hagomba kuboneka abarukoramo hakaboneka n'ibikoresho by'ifatizo (matières premières).

Ibyo bikoresho by'ifatizo rero nibyo ibihugu by'i Burayi byajyaga gushaka mu bihugu bya kure nko muri Amerika ali iy'amajyepfo, ali iy'amajyaruguru. Byatumye bagomba gutsemba abaturage basanze muri ibyo bihugu (Indiens-Peaux-Rouges) kugirango bitwarire ibyo bashaka nta nkomyi.

Ikindi ni uko, nubwo i Burayi inganda zariho zitera imbere, mu bihugu by'Amerika byera cyane, abanyaburayi bari bashinzeyo imizi bahagize ibihingwa bikomeye nk'ibisheke, ikawa n'ipamba hanyuma bagakenera abantu benshi bo gukorera iyo mirima kimwe no gucukura amabuye y'agaciro. Ni uko habayeho ukugurisha abirabura (traite des noirs) bo muri Afurika babajyana nk'abaja muri ibyo bihugu.

Ikindi umuntu yavuga ni uko inganda z'Abanyaburayi zimaze gukomera, zigatubura umusaruro, bagombaga gushaka ukuntu bagura amasoko kugirango babone aho bagurisha ibyo bakoze. Ubwo ibyo bikajyana no gukomeza gushakisha ibindi bikoresho fatizo mu bihugu bataribwageremo. Ni uko ubukoloni bwaje.

## 2.3. Ubukoloni (Colonisation)

Abanyaburayi bamaze kugwiza ibintu, babivukije mu byo basahuye mu bindi bihugu basanze abaturage babo batashobora kugura no gukoresha ibyo bintu bonyine ngo babirangize. Byagombaga gupfa ubusa. Bahise rero batekereza kwagura amarembo, abaturage babo b'inkwakuzi batembera isi maze bamenya ibindi bihugu bitari bizwi batangira kubishyiramo ibirindiro. Ni uko cyane cyane ibihugu by'Afurika byamenyekanye.

Maze baragenda babimenyekanisha ku butegetsi bw'ibihugu byabo, hanyuma ubwo butegetsi bujya hamwe bugabagabana ibyo bihugu nkaho byari iminani yabo.
Abongereza bafata hamwe, Abafaransa, ahandi, Abadage, Ababiligi, Abaportugais, Abahispaniya mbese bose bagenda bikebera ibihugu by'Afurika nkuko itagiraga nyirayo. Icyo gihe rero byitwaga ko baje kwigisha Abanyafurika umuco wa kijyambere (civilisation) no kubacengezamo ivanjili. Mu byukuri aliko bari baje kwishakira isoko: aho bakura bya bikoresho-fatizo n'aho basubira bakagurisha ibyakorewe mu nganda zabo.

Ubwo aliko nabo ubwabo bageze aho ntibumvikana, ndetse barashyamirana biza kuvamo intambara ya mbere y'isi yose (1914-1918). icyo gihe Abadage bayitsinzwe babambura ibihugu bakolonizaga (nk'u Rwanda) basubiramo ryagabana, ibyo bihugu by'Abadage bimwe babiha Ababiligi (u Rwanda , u Burundi), ibindi Abongereza (Tanzania, Cameroun occidental), ibindi Abafaransa (Togo).

Ntibyatinze Abadage barongera barisuganya bubura iyindi ntambara, barwanya abandi banyaburayi. Iyo ntambara yiswe iy'isi yose ya kabiri (1939-1945). Na none Abadage barayitsindwa, aliko isiga ibihugu by'i Burayi iheruheru.
Ubwo aliko Abanyafurika niho baboneye ko umuntu ari nk'uwundi, bati natwe dukwiye kuva muri ubwo bucakara tukikenga mu bihugu byacu.
Abazungu batwaraga Afurika babanza kurwanya icyo gitekerezo, bageze aho babona bigoye kukirandura mu mitwe y'Abanyafurika, bemera kurekura ibyo bihugu aliko biga ayandi mayeri yo kubitegeka n'ubwo hari abenegihugu bitwa ko babihagariye. Ubwo ni bwo nise ubukoloni bw'isura nshya.

## 2.4. Ubukoloni bw'isura nshya (Néo-colonisation)

Ubwo bukoloni ntibubonekera uwariwe wese. Kugirango ububone ni ugushishoza kuko nibwo buryo ibihugu bikize byabonye bwo gukomeza kudusahura batubeshyeshya ibihuma amaso.
Mu byukuri, nko muri Afurika, haba hariho abategetsi b'abirabura. Aliko ugasanga, abo bazungu bakora byose kugirango hajyeho uwo bashaka, bizeye, bakaba banamukuraho igihe bashakiye, ni ukuvuga igihe ashatse kudakurikiraza ibyo bamutegetse. Ikindi bakoresha ni uguteranya abanyafurika, bagahora mu ntambara z'urudaca, igihe bagihugiye muri ibyo abandi bakaba basahura. Ubundi buryo bakoresha ni ukugura uwo wese babonako afite ubushishozi bakamugira uwabo byaba nangombwa bakanamushyingira maze akababera intumwa mu gihugu cye. Baba na none bahisemo uw'ingenzi kandi ufite ijambo ryumvikana muri icyo gihugu.

## 3. URUGERO RWA POLITIKI YA MPATSIBIHUGU MU RWANDA

Twabonye ko mu by'ukuri ibihugu bikomeye byazaga mu bihugu bitaratera imbere bishaka icyakwongera umusaruro wabyo. Ikintu cyose rero gishobora kubangamira iyo ntego barakirwanya. Nkuko icyo bibonye cyose kiyishyigikiye bigiteza imbere.

Abanyamahanga bambere baje gukoloniza u Rwanda baje muri 1894. Baje bazanye ururimi rwabo bazanye n'abigisha Imana yabo, kandi twari dusanganywe iyacu imwe dusenga.
Nyuma ya yantambara ya mbere y'isi yose. Abadage basimbuwe n'Ababiligi. Abo nabo bakomeje gushyigikira abigisha ivanjili hanyuma batwigisha n'igifaransa n'igiflamand.

Abo bose baje basanga igihugu cyacu gifite inzego z'ubutegetsi kandi izo nzego zifite uburyo zikorera abaturage mu mwumvikano.
Ababiligi rero kugirango bashobore kwumvirwa n'abaturage nibwo bagize bati Abatutsi nibo tuzakoresha, nibo bazaba abatware bonyine. Ubwo hari muri za 1920.
Muri 1931, Umwami Musinga atangiye kwerekana ko atemera ubutegetsi bw'abazungu, bamukuraho batabicishije mu nzira za gakondo zizwi maze bamusimbuza umuhungu we RUDAHIGWA (MUTARA III) bakeka ko we atazatinyuka kubavuguruza.

Mu mwaka wa 1934 nibwo bakoze ibarura bakurikije ubwoko
Abatutsi= ni abafite inka zirenze icumi
Abahutu = ni abadafite inka zigeze ku icumi.

Hanyuma bashyiraho indangamuntu yanditsemo ubwoko bw'umuntu ndetse n'umuryango akomokamo (clan).
Ibyo byose byari ugushaka guteranya abaturagihugu ngo babone uko bakomeza kubategeka.

Intambara ya kabiri y'isi yose ishize, mu bihugu byinshi by'Afurika havutse umwuka wo gushaka kwigenga, Abazungu bakarekera Abanyafurika ibihugu byabo.
Mu 1954, Rudahigwa nibwo yaciye ubuhake Abazungu batabishaka, kuko babonaga ko ali uburyo bwo kwunga Abanyarwanda.

Umuyaga wa za indépendances ugeze no mu Rwanda, havutse amashyaka menshi. Aho hari nko muri za 1957. Abazungu barihindukiza bati noneho reka tuvugire Abahutu, bafasha amashyaka yitwaga ko ari ay'Abahutu.
Hatangira intambara z'amoko gutyo, kandi bwari ubwa mbere mu Rwanda, kugera ejobundi kuri ririya tsembabwoko isi yose n'ubu ikibazaho byinshi.
Ubwo hagati aho habayeho politiki ishingiye ku moko, kandi Ababiligi n'abandi bazungu bayishyikiye ku nyungu zabo, Kayibanda avaho hajyaho Habyarimana muri 1973. Ya politiki y'ivangurabwoko hiyongeraho ivangura-turere. Ibyo byose ali abazungu babishyigikiye.

Ikibazo cy'Abanyarwanda bari barahejejwe hanze kiribagirana kugeza aho abo banyarwanda, bafatanije n'abandi bumvaga ukuri bahagurutse bakarwanira uburenganzira bwabo.
Hari muri 1990. Muzi uko Abazungu bavuze icyo kibazo bati ni Abatutsi baje gutera Abahutu. Ibyo byose kugirango bajijishe, bakomeze baduteranye babone uko baguma hano.

Ubu naho dushaka uko twakwubaka igihugu kimwe, Abanyarwanda bakiyunga ubudasubirwaho, abo bazungu nibo baca mu matwi yabamwe bati ntimuzatahuke, bati ntimuzumvikane, ibyo byose kugirango duhore dushyamiranye nabo babone uko badukandagira ku gakanu ntagutaka.

## 4. UMWANZURO

Twabonye ko Ibihugu byateye imbere bitifuza gusubira inyuma. Bigomba guhora bifite ibikoresho by'ifatizo bikabikura mu bihugu bitaratera imbere kandi bikongera bikanabagurishaho ibyo byakuye mu nganda zabyo.

Politiki ya mpatsibihugu ivuga yuko ibyo bintu bashaka (ibihugu bikize) bazabibona bibaye ngombwa ku ngufu, cyangwa se ku yandi mayeri.
Mu Rwanda, niba dushaka kwubaka tukazitira ubwo buhake bw'ibihugu byadutanze gutera imbere, tugomba:

1. gushakisha no gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda bose, kugirango abo bampatsibihugu batazabona aho bamenera
2. kwiga tukamenya demokarasi y'ukuri (itari ishingiye ku moko)
3. kuzahura ubukungu bwacu tukihaza, ahubwo tugasagurira n'amasoko yo hanze.
4. kurwanya ruswa, kunyereza umutungo w'igihugu, gutonesha, kuko aribyo bikurura ibisahiranda bya mpatsibihugu.
5. kwirindira umutekano w'abantu nuw'ibintu. Kuko ari abanyamahanga bawuturindiye, badutegeka ibyo bashatse.
6. gushakira imibereho myiza abaturage bose, ntawe dusize inyuma. Bityo buri munyarwanda akumva ko igihugu cye cyonyine alicyo kimwitayeho.

Ibyo tubishoboye tuzaba twikuyeho burundu ba mpatsibihugu hanyuma duteze igihugu cyacu imbere nta nkomyi.